# UMUVUNYI

Ukwakira - Ukuboza 2021
MAGAZINE Nº 44

*Ikinyamakuru cy'Urwego rw'Umuvunyi gishishikariza Abaturarwanda gukumira no kurwanya Akarengane na Ruswa*




GITANGIRWA UBUNTU

# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

| TWIMAKAZE IMIYOBORERE MYIZA | TURWANYE RUSWA | TURWANYE AKARENGANE |
|---|---|---|

www.ombudsman.gov.rw / E-mail: ombudsinfo@ombudsman.gov.rw

Guhamagara ku buntu : 199 / Kohereza ubutumwa ku buntu: 1990

# IBIRIMO


03


10


13


25


26



34


## I. KWIMAKAZA IMIYOBORERE MYIZA

| | |
|---|---|
| INDANGAGACIRO Z'UMUYOBOZI | 03 |
| TUMENYE Itegeko rishya rigenga imenyekanishamutungo | 05 |

## II. TURWANYE RUSWA

| | |
|---|---|
| UKUDASAZA KW'ICYAHA CYA RUSWA | 08 |
| IBIKORWA BY'INAMA NGISHWANAMA KU RWEGO RW'AKARERE ZO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA | 10 |
| IGENZURA RIKORERWA INZEGO HAGAMIJWE KURWANYA RUSWA | 13 |

## III. TURWANYE AKARENGANE

| | |
|---|---|
| IMANZA ZISABIRWA GUSUBIRISHWAMO KU MPAMVU Z'AKARENGANE NI IZIHE? | 15 |
| Ese Akarengane gaturuka kuki ? Dusobanukirwe n'Akarengane kagezwa ku Rwego rw'Umuvunyi. | 17 |

## IV. INAMA NGISHWANAMA ZO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA

| | |
|---|---|
| IBIKORWA BY'INAMA NGISHWANAMA ZO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA KU RWEGO RW'AKARERE | 21 |
| IGENZURA RIKORERWA INZEGO HAGAMIJWE KURWANYA RUSWA | 24 |

## V. IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

| | |
|---|---|
| AMAJYEPFO: Inama ngishwanama y'Akarere ka Nyanza yahize izindi mu Ntara y'Amajyepfo mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa | 25 |
| IBURASIRAZUBA: Inama ngishwanama y'Akarere ka Rwamagana yahize izindi mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu Ntara y'Iburasirazuba | 26 |
| INTARA Y'AMAJYARUGURU: Inama ngishwanama y'Akarere ka Rulindo yahize izindi mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa | 27 |
| INTARA Y'IBURENGERAZUBA: Inama ngishwanama y'Akarere ka Rubavu yahize izindi mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa | 28 |
| Urwego rw'Umuvunyi rwagejeje ku Nteko Ishingamategeko Imitwe yombi Raporo y'Ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021 na Gahunda y'Ibikorwa by'umwaka wa 2021-2022 | 29 |
| Itsinda riyobowe n'Umuvunyi Mukuru wa Togo ryakoreye urugendoshuri ku Urwego rw'Umuvunyi | 31 |
| Inkuru ishushanyije | 34 |

# KWIMAKAZA IMIYOBORERE MYIZA

## INDANGAGACIRO Z'UMUYOBOZI

Indangagaciro ni imyumvire cyangwa imyitwarire iyobora umuntu mu myitwarire ye cyangwa mu bikorwa. Izi ndangagaciro zigamije gufasha umuntu kumenya kuvangura icyiza n'ikibi mu buzima bwacu bwa buri munsi. Ni ngombwa ko umuyobozi agira indagagaciro zimufasha kurangiza inshingano ze za buri munsi cyane ko agomba kuba intangarugero ugereranyije n'abandi ayobora.

Ubuyobozi ni uburyo bwo kuganisha abantu ku ntego rusange. Uburyo bwo gufasha abantu gukorera hamwe bakivana mu bibazo. Gutanga umurongo abantu bagenderaho ndetse no kuzana impinduka nziza. Ibyo bigerwaho mu gihe umuyobozi afite indangagaciro zibimufashamo.

Indagagaciro z'umuyobozi zimufasha kuyobora imyifatire ye mu buzima bwite no mu buzima bw'akazi bigafasha umuyobozi kugera ku nshingano ze no kubaho ubuzima yishimiye. Iyo umuyobozi afite indangagaciro kandi bituma akorana neza n'abandi kandi mu buryo bw'ubwizerane.

Abashakashatsi bagiye bagaragaza indangagaciro umuyobozi agomba kugira zamufasha kugera ku nshingano ze zo kuyobora. Muri rusange abashakashatsi batandukanye bahuriza ku ndangagaciro 13 ziranga umuyobozi mwiza zimwe muri zo zikaba ari izi zikurikira:

- **Guhindura imyumvire y'abo ayobora:** umuyobozi agomba kugira ubushobozi bwo gufasha abo ayobora kugera ku nshingano zabo atabahutaje ahubwo abaha umwanya akabatera akanyabugabo ko kuzamuka mu rwego rw'imyumvire yisumbuyeho.
- **Kugira intumbero:** umuyobozi agomba mu mikorere ya buri munsi kuba afite icyerekezo n'intego bisobanutse kandi bikaba bifite gahunda y'ibikorwa isobanutse ifasha kugera ku ntego umuyobozi yihaye.
- **Kugirirwa icyizere:** umuyobozi ntabwo ari wa muntu abo akorana nabo babona bakiruka ahubwo ni ugirirwa icyizere nabo, bakamwisanzuraho mu gihe habaye ikibazo bakaba bamugisha inama akaba umwizerwa ku buryo ibyo ababwiye cyangwa abemereye biba ari ukuri kandi bizashyirwa mu bikorwa.
- **Gukunda umurimo:** umuyobozi nyawe ni wa wundi, buri munsi uba ufite intumbero yo kugera ku ntego nubwo yahura n'imbogamizi cyangwa ibimubangamira ariko buri gihe akaba ashakisha uburyo yazigeraho kandi afatanije n`itsinda akorana naryo.
- **Kuba inyangamugayo:** umuyobozi agomba kurangwa n'ubunyangamugayo buri gihe kuko abo ayobora ariwe bafataho icyitegererezo byaba mu mvugo cyangwa mu migirire. Umuyobozi kandi agaragara ku ijambo rye, isezerano rye ni isezerano.
- **Kugira ukwitanga:** Umuyobozi agomba kugira ukwitanga agamije kugera ku ntego ye kandi akitangira akazi ke no kwitangira gufasha abo ayobora. Ntabwo agomba kwitwaza imbogamizi yahuye nazo ahubwo ashaka uko azikuraho.
- **Kumva ibitekerezo by'abandi:** umuyobozi ni uwumva ibitekerezo bitanzwe n`abandi akagerageza kugabanya amarangamutima ye mu gihe aca intege abandi, ahubwo akagerageza kubafasha kudacika intege n'ubwo ibintu byaba bitoroshye ntabwo yerekana ko ibintu bidashoboka.
- **Kugira umuco wo kwihugura:** umuyobozi nyawe ahora yihugura yiga ibishya bigatuma abakozi nabo bamufataho urugero.
- **Gufasha abandi:** umuyobozi mwiza ni ufasha abo ayobora kugera ku ntego zabo, agafasha abo ayobora kugera ku ntego bihaye, byose mu rwego rwo guteza imbere abo bakorera.
- **Kwiyubaha:** umuyobozi mwiza arangwa no kwiyubaha no kubaha abandi ndetse no gukorera ku ntumbero.
- **Kugira kwihangana:** Umuyobozi agomba

# KWIMAKAZA IMIYOBORERE MYIZA

kumenya kwikura mu kibazo cyose kivutse gishobora ku mubangamira mu kugera ku ntego yihaye mu kazi ke. Agomba kwihanganira ibimuca intege buri munsi.

- **Kugendana n'ibihe:** Umuyobozi mwiza ni umenya kugendana n'ibihe mu gihe hakenewe impinduka ziganisha ku kugera ku ntego vuba akaba yabikora kandi agashishikariza abo ayobora kumenya guhindukana n'ibihe.
- **Kumenya kubaho uwo uriwe:** umuyobozi agomba guhagarara ku ijambo no kubyo akora. Kumenya kubaho ashingiye ku ndangagaciro ze kandi akagira uruhare rwo gufasha abo ayobora kugira uruhare mu kuzana impinduka nziza zifasha mu kugera ku ntego baba barihaye.

Banki y'Isi yo yararebye isanga, indangagaciro z'ingenzi ari 4 kandi zafasha umuyobozi kugera ku nshigano aba yarahawe ku rwego rwayo zikaba ari izi zikurikira: 1) kubaha, bivuze kubaha buri wese, umuco wa buri wese. 2) gukorera hamwe kugira ngo intego zigerweho bigafasha guhana ubunararibonye hakabaho kuzuzanya mu nshingano. 3) ubunyangamugayo mu mikorere ya buri wese mu ifatwa ry'ibyemezo no guhanahana amakuru. 4) guhanga ibishya, umuyobozi agomba buri gihe kumenya gushaka ibisubizo ku bibazo byose bivutse.

### Indangagaciro zimeze gute mu Rwanda?

Iyo urebye, indangagaciro z'umuyobozi mu Rwanda ntabwo zihabanye cyane n'indagagaciro ziteganywa mu nyandiko zitandukanye ariko by'umwihariko ziteganywa n'Itegeko Ngenga no 11/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rihindura kandi ryuzuza itegeko ngenga no 61/2008 ryo ku wa 10/9/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta cyane cyane mu ngingo ya ngingo ya 3 ivugurura ingingo ya 6 y'Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira: « Umuyobozi agomba kurangwa n'imyitwarire myiza ikurikira: 1° gukunda Igihugu; 2° guteza imbere no kubaha uburenganzira bwa muntu; 3° gukorera mu mucyo, kwemera kubazwa no kugaragaza ibyo akora; 4° kujya inama n'abo bakorana ndetse no gushyira mu rwego ayobora uburyo bunoze bw'imikorere n'imikoranire; 5° guteza imbere imitangire ya serivisi nziza no gushyiraho uburyo bwo kuzinoza; 6° guharanira ubumwe mu Gihugu no kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside».

Umushingamategeko mu Rwanda yahisemo gufata indangagaciro 6 z'ingenzi zikwiye kuranga umuyobozi ufite inshingano zo kuyobora abandi agomba kurangwa nazo kandi zikaba zibumbiyemo izindi zose zagiye zigaragazwa n'abanditsi batandukanye.

Mu gusoza, ikigaragara ni uko umuyobozi ari umuntu ugomba kurangwa n'imyitwarire idasanzwe isaba kwitwararika kubera ko afatwa nk'inyenyeri imurikira abo ayobora muri byose byaba mu kwitabira akazi, kugira imyitwarire ye bwite itarangwamo amakemwa ayariyo yose kandi akaba afite ubushobozi bwo guhindura imyumvire y'abandi.

Urwego rw'Umuvunyi rurakangurira abayobozi kurangwa n'indangagaciro zagarutsweho muri iyi nyandiko kuko ni umusingi w'imiyoborere myiza. Rurakangurira kandi urubyiruko, abakiri bato n'ibindi byiciro by'abanyarwanda kuzimenya no kurangwa nazo kuko aribo bavamo abayobozi b'ejo hazaza.

**Inyandiko zifashishijwe:**

- Georges Manson University Georges, cores values of the Leader, 4400 University Drive, Fairfax, Virginia 22030 TDD: 703-993-1002, 2020.

- Ethics and business conduct, World Bank Group, Report 2018

**Umwanditsi:**



**NIWEMFURA Vestine**

# KWIMAKAZA IMIYOBORERE MYIZA

## TUMENYE ITEGEKO RISHYA RIGENGA IMENYEKANISHAMUTUNGO

Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano zitandukanye zigaragara mu ngingo ya kane 4 y'Itegeko N° 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi. Imwe muri izo nshingano ni ukwakira no kugenzura imenyekanishamutungo ry'abayobozi n'abakozi ba Leta bateganywa n'itegeko hagamijwe gukumira no kurwanya ruswa mu nzego za Leta. Iyi nshingano yari kandi mu ngingo ya 4 (4) y'itegeko N° 76/2013 ryo ku wa 11/9/2013 ryagenaga Inshingano, Ububasha, Imiterere n'Imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi, ryasimbuwe n'Itegeko N° 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi.

Mu rwego rwo kurushaho kwita ku nshingano yo kwakira no kugenzura imenyekanishamutungo, hagiyeho itegeko ryihariye N° 55/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga imenyekanishamutungo ari na ryo tugiye kuvugaho muri iyi nyandiko.

Muri iyi nyandiko turarebera hamwe icyo imenyekanishamutungo ari cyo, ibikubiye mu itegeko rishya rigenga imenyekanishamutungo ndetse n'ibishya biririmo bitari mu itegeko ryagengaga Urwego rw'Umuvunyi.

### Imenyekanishamutungo ni iki?

Imenyekanishamutungo ni igikorwa cyo kugaragariza Urwego rw'Umuvunyi umutungo wimukanwa n'utimukanwa, ufatika n'udafatika uri mu Rwanda no hanze y'u Rwanda gikorwa buri mwaka n'abayobozi n'abakozi ba Leta bateganywa n'itegeko n'imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda.

### Ibikubiye mu itegeko rishya rigenga imenyekanishamutungo

Itegeko rigenga imenyekanishamutungo ryerekana abakora imenyekanishamutungo, ibikubiye mu imenyekanishamutungo, igihe ntarengwa cyo gutanga imenyekanishamutungo, amakosa n'ibihano bijyanye n'imenyekanishamutungo.

- **Abakora imenyekanishamutungo**

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 3 y'itegeko rigenga imenyekanishamutungo abakora imenyakishamutungo ni aba bakurikira:

- Abayobozi b'ikirenga;
- Abayobozi bakuru;
- Abofisiye bakuru mu Ngabo z'u Rwanda, muri Polisi y'u Rwanda cyangwa mu Rwego rufite imfungwa n'abagororwa mu nshingano;
- Abayobozi;
- Abacamanza n'abandi bakozi bo mu nkiko;
- Abashinjacyaha n'abafasha b'Ubushinjacyaha;
- Abagenzacyaha;
- Imitwe ya politiki;
- Abakozi bafite aho bahurira n'imari n'umutungo bya Leta mu mirimo yabo;
- Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi;
- Abanoteri ba Leta ;
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'ab'Utugari.

- **Ibikubiye mu imenyekanishamutungo**

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 6 y'itegeko rigenga imenyekanishamutungo, ibimenyekanishwa ni ibi bikurikira:

- Ubwoko bw'umutungo;
- Ingano y'umutungo;
- Ahantu umutungo uherereye;
- Inkomoko y'umutungo umenyekanishwa;
- Igihe umutungo umenyekanishwa wabonekeyeho;
- Agaciro k'umutungo umenyekanishwa ku munsi ukora imenyekanishamutungo yawuboneyeho;
- Umutungo w'uwashakanye n'ukora imenyekanishamutungo iyo basezeranye ivangamutungo rusange cyangwa ivangamutungo w'umuhahano;
- Umutungo w'umwana w'ukora imenyekanishamutungo utaruzuza imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko;
- Impano zatanzwe mu mitungo y'ukora imenyekanishamutungo mu mezi cumi n'abiri (12) ashize.

# KWIMAKAZA IMIYOBORERE MYIZA

Imenyekanishamutungo ry'Umutwe wa Politiki rikubiyemo ibi bikurikira:

- Ibitabo by'umutungo bigaragaza amafaranga yinjiye, ayasohotse n'imyenda;
- Umutungo wimukanwa;
- Umutungo utimukanwa.

- **Igihe ntarengwa cyo gutanga imenyekanishamutungo**

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 8 y'itegeko rigenga imenyekanishamutungo igihe ntarengwa cyo gutanga imenyekanishamutungo ku mukozi wa Leta uri mu kazi, ni tariki ya 30 Kamena buri mwaka; mu minsi cumi n'itanu (15) ku uvuye mu kazi no mu minsi mirongo itatu (30) ku utangiye akazi. Iyo minsi ibarwa uhereye ku munsi Urwego rw'Umuvunyi rwabashyikirijeho uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu itangwa ry'imenyekanishamutungo.

Imitwe ya Politiki imenyekanisha umutungo wayo ku Rwego rw'Umuvunyi bitarenze tariki ya 30 Nzeri buri mwaka.

Abayobozi n'Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bamenyekanisha imitungoyabo kuri Biro ya Sena mu bihe bimwe n'iby'abandi bakozi ba Leta bateganywa n'itegeko.

- **Amakosa n'ibihano bijyanye n'imenyekanishamutungo**

Amakosa akorwa mu imenyekanishamutungo ni 2 ariyo: Gutanga imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo no Kudatanga imenyekanishamutungo bikozwe n'umuntu cyangwa Umutwe wa Politiki nk'uko biteganywa n'ingingo ya 15, 16, 17 na 18 z'itegeko rigenga imenyekanishamutungo.

Umuntu ukoze ikosa ryo Gutanga imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo iyo asabwe kurisubiramo ntabikore, ahabwa igihano n'umukoresha we cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'ukwezi kumwe (1) kudahemberwa kandi akibutswa gutanga imenyekanishamutungo ryuzuye cyangwa nyaryo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi yamenyesherejweho icyo gihano. Iyo atabyubahirije, asabirwa igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'amezi abiri (2) adahemberwa. Iyo akomeje gukora iryo kosa, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bisaba Urwego rufite Ubugenzacyaha mu nshingano gukora iperereza rigamije kumenya impamvu uwo muntu atubahiriza inshingano yo kumenyekanisha umutungo we.

Umutwe wa Politiki, ukoze ikosa ryo Gutanga imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo usabwa gusubiramo imenyekanishamutungo, iyo utabikoze Urwego rw'Umuvunyi ruwuhanisha igihano cyo Kwihanangirizwa ku mugaragaro kandi ukibutswa gutanga imenyekanishamutungo ryuzuye cyangwa nyaryo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi wamenyesherejweho icyo gihano. Iyo bidakozwe uhanishwa igihano cyo Kugawa, mu nyandiko, kandi ukibutswa gutanga imenyekanishamutungo ryuzuye cyangwa nyaryo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7).

Umuntu ukoze ikosa ryo Kudatanga imenyekanishamutungo iyo asabwe kubikora mu minsi 7 ntabikore, Urwego rw'Umuvunyi rumusabira igihano cyo Guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'ukwezi kumwe (1) kudahemberwa kandi akibutswa gutanga imenyekanishamutungo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7). Iyo akomeje gukora iryo kosa asabirwa igihano cyo Guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'amezi atatu (3) adahemberwa. Nyuma y'iki gihano iyo adatanze imenyekanishamutungo rye, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvuny'i bisaba Urwego rufite Ubugenzacyaha mu nshingano gukora iperereza rigamije kumenya impamvu uwo muntu atubahiriza inshingano zo kumenyekanisha umutungo we.

Umutwe wa Politiki ukoze ikosa ryo Kudatanga imenyekanishamutungo ku nshuro ya mbere, Urwego rw'Umuvunyi ruwuhanisha igihano cyo Kwihanangirizwa ku mugaragaro kandi ugahabwa igihe kitarenze iminsi 5 yo gutanga imenyekanishamutungo uhereye ku musi wamenyesherejweho icyo gihano. Iyo ibyo bitubahirijwe, Urwego rw'Umuvunyi rusaba umuyobozi w'Urwego rushinzwe iyandikwa ry'imitwe ya politiki kuwuhanisha igihano

# KWIMAKAZA IMIYOBORERE MYIZA

cyo Guhagarikirwa inkunga ya Leta ihabwa uwo mutwe wa politiki kugeza igihe uzatangira imenyekanishamutungo. Iyo umutwe wa politiki wongeye gukora ikosa ryo kudatanga imenyekanishamutungo, Urwego rw'Umuvunyi rusaba umuyobozi w'Urwego rushinzwe iyandikwa ry'imitwe ya politiki kuwuhanisha igihano cyo Guhagarikwa mu gihe kingana n'umwaka umwe (1). Ibihano bifatiwe umutwe wa Politiki bimenyeshwa Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Urwego rw'Umuvunyi n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki iyo uwo Mutwe wa Politiki uri muri iryo Huriro.

**Ibishya bigaragara mu itegeko rigenga imenyekanishamutungo**

Itegeko No 55/2021 ryo kuwa 29/8/2021 rigenga imenyekanishamutungo rigaragaramo ibintu bishya bitari mu itegeko N° 76/2013 ryo ku wa 11/9/2013 ryagenaga Inshingano, Ububasha, Imiterere n'Imikorere by'Urwegorw'Umuvunyi, bikababigamije kunoza igikorwa cy'imenyekanishamutungo. Ibyo bintu bishya ni ibi bikurikira:

**Ibisobanuro by'amagambo: bigamije gutuma amagambo akoreshwa mu itegeko arebana n'imenyekanishamutungo yumvikana.**

- Iminsi 7 yo gusabwa gukosora amakosa yakozwe mu imenyekanishamutungo ku muntu n'iminsi 5 ku mitwe ya politiki: bikorwa mbere yo gutanga ibihano.
- Gushyikiriza ikibazo Urwego rufite Ubugenzacyaha mu shingano: Iyo Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bibona ko amakosa y'imenyekanishamutungo akomeza gukorwa cyangwa hari umutungo wamenyekanishijwe wabonetse mu buryo butemewe n'amategeko, bikorerwa raporo igashyikirizwa urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano kugira ngo rubikoreho iperereza.
- Ububasha bwo kongera urutonde rw'abakora imenyekanishamutungo:Urutonde rw'abamenyekanisha umutungo rushobora kongerwa n'Iteka rya Minisitiri nk'uko biteganywa n'ingingo ya 3 y'itegeko rigenga imenyekanishamutungo.
- Ububasha bw'Urwego rw'Umuvunyi bwo kongera ibikubiye mu imenyekanisha-mutungo: Ingingo ya 6
- Ibihano ku makosa y'imenyekanishamutungo: Guhagarikwa ku kazi kuva ku kwezi 1 kugeza ku mezi 3 udahembwa.
- Uburenganzira bwo guhabwa kopi z'imenyekanishamutungo: Uwatanze imenyekanishamutungo afite uburenganzira bwo gusaba mu nyandiko Umuvunyi Mukuru cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi, kopi y'inyandiko z'imenyekanishamutungo rye no kuzihabwa. Umuyobozi w'Urwego rukoresha ubundi buryo bwo gukemura amakimbirane nawe afite ububasha bwo kubona kopi y'imenyekanishamutungo mu nyungu z'ubutabera iyo abisabye Umuvunyi Mukuru mu nyandiko (Ingingo ya 12).
- Ibihano ku mutwe wa Politiki wakoze amakosa y'imenyekanishamutungo amakosa n'ibihano byashyizwe mu itegeko rigenga imenyekanishamutungo.

U Rwanda ni igihugu cyiyemeje kutihanganira ruswa (corruption zero tolerance) niyo mpamvu rwashyizeho ingamba zihariye kandi zihamye zo kuyirwanya. Zimwe muri izo ngamba ni uko abayobozi n'abakozi ba Leta bateganywa n'itegeko bagomba kumenyekanisha umutungo wabo bikabafasha gukorera mu mucyo. Itegeko N° 55/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga imenyekanishamutungo rikaba ari ingenzi mu rugamba rwo gukumira no kurwanya ruswa mu bakozi ba Leta kandi buri wese rireba akaba asabwa kubahiriza ibiteganywa naryo.

**Umwanditsi:**



**GASHEMA Janvier**

# UKUDASAZA KW'ICYAHA CYA RUSWA

Itegeko N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa ryateganyije ingamba zikarishye zo kurwanya ruswa harimo kongera ibihano bya ruswa (ingingo ya 4-16), kongera ibikorwa bigize icyaha cya ruswa (ingingo ya 2, 2º), gushyiraho impamvu nkomezacyaha ku cyaha cya ruswa cyakozwe n'umuntu uri mu rwego rw'ubuyobozi (ingingo ya 17), guhana umuntu wakoze icyaha cyo gukoresha ububasha ahabwa n'itegeko mu nyungu bwite (ingingo ya 15), ukudasaza kw'icyaha cya ruswa (ingingo ya 21), koroshya uburyo bwo gutanga amakuru, umuntu ntaryozwe icyaha cya ruswa igihe yatanze amakuru abimenyesha inzego z'ubutabera mbere y'uko ikurikiranwa ry'icyaha ritangira, atanga amakuru cyangwaagaragaza ibimenyetso (ingingo ya 19) n'ibindi.

Muri iyi nkuru turibanda ku ngamba yo kugira icyaha cya ruswa icyaha kidasaza (imprescriptibilité). Turagaragaza icyo isaza ry'ikirego cy'ikurikiranacyaha (Prescription of a criminal action/ Prescription de l'action publique) rivuze, tubitandukanye n'ubusaze bw'igihano (prescription of a penalty/ prescription d'une peine), tugaragaze ibihe biteganywa n'amategeko.

### Isaza ry'ikirego cy'ikurikiranacyaha ni iki?

Mu Itegeko Nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, tubona isaza ry'ikirego cy'ikurikiracyaha kuva mu ngingo ya 6 kugeza mu ya 9 ariko ntihagaragara inyito y'isaza ry'ikirego cy'ikurikiranacyaha. Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 na ryo riteganya uburenganzira ku butabera buboneye mu ngingo ya 29 aho rivuga ko "Buri muntu wese afite uburenganzira ku butabera buboneye, burimo uburenganzira bwo kudakurikiranwa cyangwa kudahanirwa icyaha cyashaje. Icyakora, icyaha cya jenoside, ibyaha byibasira inyokomuntu n'ibyaha by'intambara ntibisaza. Itegeko rishobora kugena ibindi byaha bidasaza". Muri izi ngingo, haragaragaramo isaza ry'ikirego ariko nta nyito yatanzwe.

Iyo urebye no mu zindi nyandiko, usanga inyito y'isaza y'ikirego cy'ikurikiranacyaha yoroshye aho bavuga ko "La prescription de l'action publique est le principe selon lequel l'écoulement d'un certain délai entraîne l'extinction de l'action publique: il n'est plus possible de poursuivre l'auteur de l'infraction" (https://mce-avocat.fr/lexique-dictionnaire-juridique/prescription-action-publique-definition-juridique/). Ibi bivuze ko isaza ry'ikirego cy'ikurikiracyaha ari ihame rivuga ko iyo hashize igihe umuntu atakurikiranwe ku cyaha aba adashobora gukurikiranwa.

Ingingo ya 6 y'Itegeko Nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ivuga ko "Uretse ibyaha bidasaza biteganywa n'amategeko, ikirego cy'ikurikiranacyaha ku bindi byaha gisaza:

1° mu gihe cy'imyaka icumi (10) yuzuye ku byaha by'ubugome;

2° mu gihe cy'imyaka itatu (3) yuzuye ku byaha bikomeye;

3° mu gihe cy'umwaka umwe (1) wuzuye ku byaha byoroheje[1]".

Ingingo ya 7 y'Itegeko Nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 iteganya igihe cyo gutangira kubara ubusaze bw'ikirego cy'ikurikiranacyaha, iya 8 ikerekana ibihe by'ihagarikwa ry'ubusaze bw'ikirego cy'ikurikiranacyaha naho iya 9 ikagaragaza impamvu zituma habaho isubikwa ry'ubusaze bw'ikirego.

### Ubusaze bw'igihano

Isaza ry'ikirego cy'ikurikiranacyaha ritandukanye n'ubusaze bw'igihano buteganywa n'Itegeko nº 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe kugeza ubu. Ingingo ya 74 y'Itegeko nº 68/2018 itanga igisobanuro cy'ubusaze bw'igihano, aho ivuga ko "Ubusaze bw'igihano ni igihe gishira igihano kikaba kitagishoboye gushyirwa mu bikorwa".

1 Icyaha cy'ubugome ni icyaha itegeko rihanisha igihano cy'iremezo cy'igifungo kirenze imyaka 5 cyangwa igifungo cya burundu (ingingo ya 17 y'Itegeko nº 68/2018), igikomeye ni icyo itegeko rihanisha igihano cy'iremezo cy'igifungo kitari munsi y'amezi 6 ariko kitarenze imyaka 5 (ingingo ya 18 y'Itegeko nº 68/2018) naho icyoroheje ni icyaha itegeko rihanisha gusa igihano cy'iremezo cy'igifungo kitageze ku mezi 6, icy'ihazabu cyagwa igihano cy'imirimo rusange (ingingo ya 19 y'Itegeko nº 68/2018)

# TURWANYE RUSWA

**Umwanditsi:**

**BIRASA Fiscal Jacques**



Aha bisobanuye ko ubusaze bw'igihano ari igihe umuntu yakatiwe igihano n'Urukiko ariko hagashira igihe kitarashyizwe mu bikorwa mu gihe ku isaza ry'ikirego cy'ikurikiranacyaha ni igihe umuntu yakoze icyaha ariko hagashira igihe adakurikiranwa.

Ingingo ya 75 y'Itegeko nº 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 iteganya ubusaze bw'igihano cy'igifungo mu buyo bukurikira:

Igihano cy'igifungo kitageze ku mezi atandatu (6) gisaza mu gihe cy'imyaka ibiri (2).

Igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka itanu (5) gisaza mu gihe cy'imyaka icumi (10).

Igihano cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitari icya burundu gisaza mu gihe cy'imyaka makumyabiri (20).

Igihano cy'igifungo cya burundu ku byaha bisaza, gisaza mu gihe cy'imyaka mirongo itatu (30).

Ingingo ya 76 y'Itegeko nº 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 iteganya ubusaze bw'igihano cy'imirimo y'inyungu rusange, iya 77 igateganya ubusaze bw'igihano cy'ihazabu naho iya 78 igateganya ubusaze bw'ibihano by'ingereka. Ingingo ya 82 y'Itegeko nº 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ishimangira ko ibihano ku byaha bidasaza, bidasaza.

### Ukudasaza kw'icyaha cya ruswa

Ingingo ya 21 y'Itegeko N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ivuga ko icyaha cya ruswa kidasaza kiyongera ku byaha byari bisanzwe biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 ari byo icyaha cya jenoside, ibyaha byibasira inyokomuntu n'ibyaha by'intambara.

N'ubwo Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo Kurwanya ruswa (UNCAC) asaba ibihugu gushyiraho amategeko ateganya igihe kirekire kugira ngo ibyaha bisaze (longer statute of limitations period) cyangwa gushyiraho uburyo bwo guhagarika ubusaze igihe umuntu yatorotse ubutabera (ingingo ya 29), u Rwanda rwahisemo kugira icyaha cya ruswa icyaha kidasaza, bikaba bigaragaza Ubushake bwa Politiki bw'Abayobozi b'Igihugu (political will).



# TURWANYE RUSWA

## Umunsi Mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa




**Itsinda ry'abatanga ikiganiro ku Munsi Mpuzamahanga wahariwe kurwanya Ruswa**

Tariki ya 09 Ukuboza buri mwaka u Rwanda rwifatanya n'Isi mu kwizihiza umunsi mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa.

Mu Rwanda uyu munsi wahuriranye n'isozwa ry'icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa cyaranzwe n'ibikorwa binyuranye hirya no hino mu gihugu bigamije kurwanya ruswa.

Uyu munsi wizihirijwe muri Serena Hotel, tariki ya 09 Ukuboza 2021, waranzwe n'ibiganiro byahuje inzego zirimo Urwego rw'Umuvunyi, Ubushinjacyaha bukuru, APNAC ndetse na RDB. Ibi biganiro izi nzego zakoze byari byagarutse ku nsanganyamatsiko igira iti: Kurandura ruswa,Inkingi y'Iterambere rirambye' ari nayo nsanganyamatsiko y'uyu mwaka wa 2021.

Atangiza ibikorwa by'uyu munsi ku mugaragaro Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika, Madamu Judith UWIZEYE yashimye imikoranire y'inzego mu Rwanda muri gahunda yo kurwanya ruswa. Yagize ati: "Leta yashyizeho ingamba nyinshi ndetse n'inzego bigamije kurandura ruswa kuko ruswa ari icyorezo. Kuba Ruswa ari icyorezo ni nayo mpamvu Umuryango w'Abibumbye washyizeho kwizihiza uyu munsi, iyi nayo ikaba Impamvu Leta y'u Rwanda yagiye isinya amasezerano mpuzamahanga yo kurwanya ruswa". Minisitiri ariko yongeyeho ko urugamba rugikomeje kandi ko ruswa ari ukuyitondera kuko isa na cya kibuye cy'urubura gikunze kuba hejuru y'amazi (Iceberg) usanga hejuru ari gito ariko nyamara munsi y'amazi ari kinini cyane. Ibi bikaba bivuze ko dusabwa gucukumbura ahantu hose hashobora kwihisha ibyuho bya ruswa kugira ngo icike".

Minisitiri kandi yavuze ko iyo urebye ku ntonde z'abahamwe burundu na ruswa, usanga uko iminsi ihita umubare w'abaziriho ugenda wiyongera, ibi bikaba bivuze ko n'ubwo ruswa ifite ibihano bikomeye inzego bireba zigomba gushyira ingufu mu kwigisha abaturage ububi bwo kwishora muri ruswa.

Umuvunyi Mukuru, Madame NIRERE Madeleine, kuri uyu munsi yashimiye inzego zinyuranye bakoranye mu cyumweru cyo kurwanya ruswa, ashimangira ko ubufatanye bw'inzego ari ingenzi mu kurandura ruswa mu Rwanda.

# TURWANYE RUSWA

Yagize ati: "Nibyo koko u Rwanda duhagaze neza ku rwego rw'isi mu kurwanya ruswa ariko ndabibutsa ko tugifite urugendo rwo kuyirwanya ku buryo mu cyerekezo 2050 u Rwanda rwihaye tuzahagera turi aba mbere ku Isi mu kurwanya ruswa".

Mu byo Umuvunyi wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane, Madame Yankulije Odette, yagarutseho ubwo yaganirizaga abitabiriye Icyumweru cy'ubucamanza cyahujwe n'icyumweru cyo kurwanya ruswa, ni uko ruswa nta mwanya ifite mu Rwanda. Yibukije ko FPR itangira kuyobora u Rwanda yari ifite intego z'ibanze zirimo n'iyo kurwanya ruswa, iyi ikaba ari nayo shingiro ry'ubushake bwa politiki mu kurwanya ruswa, ikaba n'impamvu ya gahunda yo kutihanganira na busa Ruswa (Zero Torelance to corruption in Rwanda) kuko n'ubundi aho ruswa iri hatajya habura akarengane.

Umuvunyi wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa, Bwana Mukama Abbas yashishikarije urubyiruko kubyaza umusaruro amahirwe bahawe na Nyakubahwa perezida wa Repubulika. Yagize ati: Aya mahirwe muhabwa na Nyakubahwa perezida wa Repubulika yo kwiga neza, gufashwa gukora mugatera imbere twebwe mu gihe cyacu ntayo twabonye kuko nta bayobozi beza Igihugu cyari gifite. Mwebwe rero mukwiye kumenya ko muri iki cyerekezo cya 2050 ari mwe muzaba muri abayobozi b'u Rwanda twebwe twarashaje. Mbasabye kwanga ruswa no kuyirwanya kugira ngo muzasigasire ibyo ubuyobozi bwiza burangajwe imbere na Perezida wa Repubulika bwagezeho.




**Umuvunyi Mukuru ari kumwe n'abandi Bayobozi bashyikiriza ibihembo umwe mu Banyamakuru bahembwe n'Urwego rw'Umuvunyi**

Kuri uyu munsi kandi wa tariki ya 09 Ukuboza 2021 hahembwe Abanyamakuru batsinze amarushanwa yo gukora inkuru zicukumbuye kuri ruswa mu gikorwa ngarukamwaka gitegurwa n'Urwego rw'Umuvunyi cyiswe Anti-Corruption Journalism Awards. Muri uyu mwaka wa 2021, ikaba yari inshuro ya 3 abanyamakuru bahembwa. Abahembwe bose bahatanye mu byiciro bitatu birimo Televisiyo, ibyandika kuri murandasi (online) ndetse na Radio. Uko abanyamakuru bakurikiranye mu mitsindire y'Amarushanwa

**Icyiciro cya Televisiyo:**

1. Honore Umuhoza
2. John BICAMUMPAKA
3. Jean Paul TURATSINZE
4. Daniel HAKIZIMANA

# TURWANYE RUSWA

5. Jean Claude MUTUYEYEZU

Icyiciro cy'Abandika kuri murandasi (online)

1. Abdul NYIRIMANA
2. Innocent HABUMUGISHA
3. Amiella AGAHOZO
4. Josue ALINATWE
5. Theogene NZABANDORA

**Icyiciro cy'abakora kuri Radio**

1. Eric UWIMBABAZI
2. Protais NGABOYABAHIZI
3. Yussuf HAKIZIMANA
4. Eric TWAHIRWA
5. Prudence KWIZERA




**Minisitiri muri Perezidansi Madamu UWIZEYE Judith hamwe n'abandi Bayobozi bashyikiriza igihembo Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka KICUKIRO**

Uretse ibihembo byahembwe abanyamakuru kandi hanahembwe akarere kitwaye neza mu gukora ibikorwa byo kurwanya ruswa mu turere tugize Umujyi wa Kigali. Akarere ka Kicukiro kakaba ari ko karere kahize utundi mu mujyi wa Kigali kaje kiyongera ku tundi twahembwe mu zindi Ntara.



**Bamwe mu bayobozi bagize urwego rw'ubutabera bitabiriye umuhango wo gushyikiriza Akarere ka Kicukiro igihembo cy'Imikorere myiza y'inama ngishwanama yo kurwanya Akarengane na Ruswa.**

Umuvunyi Mukuru yaboneyeho gushimira uruhare rw'abanyamakuru mu kurwanya ruswa n'akarengane kuko burya ruswa ndetse anasobanura ko kuba iki cyumweru gisojwe bitavuze ko ibikorwa byo gukumira no kurwanya Akarengane na Ruswa birangiye ko ahubwo buri wese ashishikarijwe gukomeza ingamba zo kuyirwanya.

# TURWANYE RUSWA

## Icyumweru cyo kurwanya ruswa: Urwego rw'Umuvunyi rwaganiriye n'abashinzwe ubutaka n'imyubakire ku ngamba zo guca ruswa mu myubakire




**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Hon. GATABAZI Jean Marie Vianney hamwe n'abandi bayobozi nyuma yo gufungura inama.**

Ku wa mbere tariki 6/12/2021, Urwego rw'Umuvunyi n'abafatanyabikorwa barwo bagiranye inama Nyunguranabitekerezo n'abashinzwe serivisi z'ubutaka mu turere n'Abanditsi b'impapuro mpamo z'ubutaka mu Ntara ku ngamba zo kurwanya ruswa mu myubakire. Muri iyi nama kandi barebeye hamwe ibyuho bya ruswa muri Serivisi z'imyubakire n'ingamba zafatwa mu kubikumira no kubirwanya.

Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no kurwanya Ruswa, Hon. Mukama Abbas, yasabye abashinzwe gutanga serivisi z'ubutaka n'imyubakire gufatanya n'abaturwanda bose kurwanya ruswa batanga serivisi zinoze kandi ku gihe kuko bikumira ibyuho bya ruswa mu myubakire.





**Umuvunyi wungirije Hon. MUKAMA Abbass aha ikiganiro abashinzwe ubutaka n'imyubakire mu turere ku ngamba zo gukumira no kurwanya Ruswa.**

Yavuze ko Urwego rw'umuvunyi rwateguye iyi nama nyuma y'aho mu bibazo Urwego rw'Umuvunyi rwakira ibyinshi byiganjemo iby'ubutaka n'imyubakire ndetse n'ibyagaragajwe muri Raporo z'ubushakasshatsi bukorwa n'Ikigo cy'igihugu cy'Imiyoborere RGB ku mitangire ya serivisi mu myubakire.

# TURWANYE RUSWA

Atangiza Inama, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Hon. Gatabazi Jean Marie Vianney yasabye abateraniye mu nama gufata ingamba zihamye zo gukumira ruswa mu mitangire ya serivisi mu myubakire. Anasaba abaturage ko bakwiye gusaba ibyangombwa byo kubaka aho gutanga ruswa.

Minisitiri Gatabazi yagaragaje ingaruka zo gutanga no kwakira ruswa zirimo ko hari n'abaturage basenyerwa inyubako biturutse kuri ruswa iba yatanzwe. Yahamagariye abaturarwanda kugira uruhare rwose rufatika n'ubufatanye mu kurwanya ruswa. Yasoje ashimira Urwego rw'Umuvunyi n'abandi bafatanyabikorwa.





**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Hon. GATABAZI Jean Marie Vianney aganira n'itangazamakuru nyuma yo gutangiza inama.**

Iyi nama yateguwe N'Urwego rw'umuvunyi mu rwego rwo kwitegura kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wo kurwanya ruswa uba tariki ya 9/12/2021 ku nsanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti " Kurandura ruswa, inkingi y'iterambere rirambye"

**Umwanditsi:**



**MBARUSHIMANA Jean Paul**



# TURWANYE AKARENGANE

**IMANZA ZISABIRWA GUSUBIRISHWAMO KU MPAMVU Z'AKARENGANE NI IZIHE? IZIDASABIRWA GUSUBIRISHWAMO ZO NI IZIHE? (IGICE CYA 1)**

Imanza zisabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ni imanza zaciwe ku rwego rwa nyuma, zikaba zisubirishwamo bitegetswe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga nyuma yo kubisabwa n'Urwego rwabiherewe ububasha n'Itegeko. Urwego rw'Umuvunyi ni rwo rwabanje guhabwa ububasha bwo gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane hashingiwe ku ngingo ya 79 y'Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga iteganya ko Urwego rw'Umuvunyi ari rwo rufite ububasha bwo kuregera Urukiko rw'Ikirenga ibirego byerekeranye no gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma. Iyo kuva aho urubanza ruciriwe burundu habonetse ibimenyetso bigaragaza akarengane kavugwa mu ngingo ya 81[1] y'iri Tegeko Ngenga, abari ababuranyi muri urwo rubanza bashobora kubimenyesha Urwego rw'Umuvunyi.

Iyo Urwego rw'Umuvunyi rusanze uburyo urubanza rwaciwe nta karengane karimo, rubimenyesha uwatanze ikirego. Iyo Urwego rw'Umuvunyi rusanze uburyo urubanza rwaciwe birimo akarengane rwandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rumusaba ko urubanza rwakongera kuburanishwa.

[1]Iyo ngingo iteganya ko ***Urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rushobora gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane kubera impamvu zikurikir*** :
***1° iyo hari ibimenyetso simusiga bigaragaza ruswa, ikimenyane cyangwa icyenewabo, byagize ingaruka ku mikirize y'urubanza bikaba bitarigeze bimenywa n'uwatsinzwe mu gihe cy'iburana;***
***2° iyo mu icibwa ry'urubanza hirengagijwe amategeko n'ibimenyetso bigaragarira buri wese;***
***3° iyo urubanza rudashobora kurangizwa ukurikije imikirize yarwo***.

Ubwo bubasha bwo gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane bwaje gushimangirwa mu ngingo ya 15 y'Itegeko nº 76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi, iteganya ko: "Mu nyungu z'Ubutabera, Urwego rw'Umuvunyi rufite ububasha bwo gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma no gusubiramo urubanza rwaciwe n'Inkiko zisanzwe, Inkiko z'Ubucuruzi cyangwa iza Gisirikare ku rwego rwa nyuma, mu gihe hakigaragaramo akarengane".

Ububasha bwo gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane bwaje kunozwa mu Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko, ndetse hateganywa n'abandi biyongera ku Umuvunyi Mukuru bafite ububasha bwo gusaba Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ko urubanza rwagaragayemo akarengane rusubirishwamo. Ingingo ya 54 y'iryo Tegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rimaze kuvugwa iteganya ko Ububasha bwo gushyikiriza ikibazo cy'akarengane Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga bufitwe n'aba bakurikira:

1° Urwego rw'Umuvunyi rubisabwe n'umwe mu baburanyi;

2° Perezida w'Urukiko wasuzumye urubanza akarubonamo akarengane;

3° Umuburanyi wumva yararenganyijwe mu rubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire;

4° Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko ku bindi bibazo byagaragara bidafite ababitanga.

Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko ryagumishijeho impamvu zishingirwaho urubanza rusabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ariko rizana umwihariko mu kunoza uburyo bwo gushyira mu bikorwa inshingano yo gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane, uwo mwihariko ukaba ushingiye ahanini ku bintu bitatu by'ingenzi bikurikira :

- Gutanga igihe ntarengwa cyo gusaba gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane ;

# TURWANYE AKARENGANE

- Guha Urwego rw'Ubucamanza ububasha bwo gusuzuma imanza rwaciye ;
- Korohereza Urwego rw'Umuvunyi uburyo bwo gushyira mu bikorwa inshingano yo gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane.

**IGIHE NTARENGWA CYO GUSUBIRISHAMO URUBANZA KU MPAMVU Z'AKARENGANE**

Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ryateganyije bwa mbere inshingano yo gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane nta gihe ntarengwa ryigeze riteganyiriza umuburanyi utarishimiye imikirize y'urubanza rwe cyo gutangiza ikirego cyo kurusubirishamo ku mpamvu z'akarengane. Ibyo byari bifite ingaruka z'uko igihe cyose umuburanyi ashakiye yashoboraga gutanga ikirego, umuburanyi watsinze akaba nta cyizere yashoboraga kugira cy'uko inzira y'Inkiko yarangiye, ndetse n'Urwego rw'Umuvunyi rwahawe iyo nshingaro rukakira mu buryo buhoraho ibibazo byerekeye gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane imanza zaciwe kuva ubwo Urwego rw'Umuvunyi rwashyirwagaho n'Itegeko Nº 25/2003 ryo ku wa 15/08/2003 rigena imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi.

Mu rwego rwo gukuraho iyo nenge yagaragajwe mu gika kibanziriza iki, ingingo ya 56 y'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko iteganya ko Ushaka ko urubanza rwe rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, abisaba urwego rubishinzwe mu nyandiko ikubiyemo impamvu ashingiraho mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi yamenyesherejwe imikirize yarwo. Icyakora, iyo ari ugusubirishamo urubanza kubera impamvu y'uko rudashobora kurangizwa ukurikije imikirize yarwo, igihe kivugwa muri iyi ngingo gishobora gutangira kubarwa guhera igihe byagaragaye ko urwo rubanza rudashobora kurangizwa byemejwe n'inyandiko y'Umuhesha w'Inkiko.

Ku manza zaciwe mbere y'uko hajyaho Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko, igihe ntarengwa cyo gushyikiriza urwo rubanza urwego rubishinzwe gitangira kubarwa hashingiwe ku munsi iryo Tegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 ryatangarijweho mu Igazeti ya Leta kuko ari bwo ababuranyi bari bamenye ko noneho hari igihe ntarengwa giteganywa n'Itegeko kugira ngo umuburanyi asabe gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza yatsinzwe.

URWEGO RW'UBUCAMANZA MU GUSUBIRISHA**MO KU MPAMVU Z'AKARENGANE IMANZA RWACIYE**

Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko riteganya ko akarengane ku rwego rwa mbere gasuzumwa na Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye ku rwego rwa nyuma urubanza rusabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane. Ingingo ya 58 y'iryo tegeko N°30/2018 iteganya ko Iyo umuburanyi abonye hari akarengane kagaragara mu rubanza rwe, yandikira Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye urubanza ku rwego rwa nyuma, akaba ariwe usuzuma ako karengane. Iyo urubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ari urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire, ubusabe bushyikirizwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga. Icyemezo afashe ku isuzuma ry'akarengane kiba ari ndakuka, nta rundi rwego rugisuzuma. Ibi bikaba bitandukanye n'ibyo Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ryateganyaga kuko muri iryo tegeko Ngenga, Urwego rw'Umuvunyi ni rwo rwonyine rwari rufite ububasha bwo gusuzuma imanza ku mpamvu z'akarengane no gusaba Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ko imanza zagaragayemo akarengane zisubirwamo.

MU MUVUNYI MAGAZINE uzakurikiraho tuzabagezaho mu gice cyacu cya kabiri cy'iyi nkuru, Imanza zidashobora gusabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane. Ntimuzacikwe na nomero izakurikira iyi ngiyi!

**Umwanditsi**



**NZABAMWITA Anaclet**

# TURWANYE AKARENGANE

## Ese Akarengane gaturuka kuki ? Dusobanukirwe n'Akarengane kagezwa ku Rwego rw'Umuvunyi.

### I. Aho akarengane gaturuka.

Mbere yo kuvuga aho akarengane gaturuka ni byiza ko tuvuga ku cyo akarengane ari cyo. Ugenekereje mu guhuza ibisobanuro byatanzwe n'abanditsi batandukanye, akarengane ni ibyo amategeko yemerera umuturage ntabihabwe, ni ukuvutswa uburenganzira bw'ibyo wemererwa n'amategeko. Akarengane gashobora guturuka ku mpamvu zitandukanye zirimo izikomoka ku makimbirane mu miryango, amakimbirane hagati y'abaturage ndetse hakaba n'agashobora guterwa n'Ubuyobozi.

Usanga ayo makimbirane agaragarira ku kutavuga rumwe mu buryo bukabije, cyangwa ugushyamirana hagati y'abantu 2 cg benshi, amatsinda 2 cg menshi bitewe n'inyungu cyangwa no gutsimbarara ku bitekerezo bitandukanye. Ayo makimbirane kandi, aba ashingiye kugira imyumvire, inyungu, imyitwarire bitandukanye, kwikubira ibyagasangiwe, kubura ibyangombwa by'ibanze, kwemeza no kugendera ku bintu bidafite ishingiro, kwigizanyayo cyangwa se guhana akato. Muri rusange usanga ibyo tumaze kuvuga haruguru kenshi biba bishingiye ku mutungo.



Umuvunyi Wungirije Mme YANKULIJE Odette ari kumwe n'uwahoze ari Umuyobozi Wungirije w'Akarere ka Nyaruguru bakurikirana ibibazo by'abaturage muri aka Karere.

Ntabwo twuvuga kandi ibijyanye n'Akarengane kagezwa ku Urwego rw'Umuvunyi tutavuze ibijyanye n'Uruhare rw'abaturage ndetse n'Ubuyobozi mu gukumira no gukemura ayo makimbirane.

1. **Uruhare rw'abaturage mu gukemura amakimbirane**

Ahari abantu haba urunturuntu. Uyu mugani utwereka ko uko byagenda kose amakimbirane mu bantu babana, baturanye atabura. Ku mpamvu y'uko abaturage aribo bagerwaho cyane n'ingaruka zayo makimbirane cyane iyo yamaze kugera ku rwego rw'akarengane, barahamagarirwa gutanga umusanzu ukomeye ugaragarira :

- Ku kugira umuco wo kwikemurira ibibazo kuko aribo baba babizi neza, igihe ikibazo kivutse mu muryango, mbere yo kwiyambaza Inzego z'ubuyobozi, kikabanza gushakirwa umuti mu muryango, byananirana hakiyambazwa abavandimwe n'abaturanyi b'inyangamugayo.
- Kugira ukuri n' urukundo, abantu ntibashobora kubana nta kuri, ni ngombwa ko abaturage bagira ubutwari bwo kugaragaza ukuri ku bibazo byose bivutse aho gutinya kwiteranya bituma rimwe na rimwe babogamira ahari inyungu cyangwa ahari ingufu kandi atari ho hari ukuri. Urukundo nirwo musingi, ni wo mutima w'indangagaciro zose n'imigenzo myiza yose, imibanire n'imibereho myiza y'abantu ikwiye kubakirwaho.
- Kwanga kurengana no kurenganya, umuturage wese agomba kubanza kumva ko atagomba kurenganya mugenzi we, iyo ntambwe yamara kuyirenga akagera ho yumva ko nawe ubwe atagomba kurengana. Iyo myumvire imufasha gukoresha imbaraga zose kugira ngo hatagira umurenganya.
- Kumenya inzego zishyikirizwa ibibazo: abaturage bagomba kwirinda gusimbuka inzego aho usanga umuturage agira ikibazo agahita acyihutisha ku Karere cyangwa Urwego rw'Umuvunyi yizera ko ari ho abona igisubizo cyihuse, akirengagiza ko Ubuyobozi bumwegereye ari bwo buzi neza imiterere yacyo kandi ko byanze bikunze ubuyobozi bwo hejuru buzabanza kwifashisha bwa bundi

# TURWANYE AKARENGANE

bw'ibanze , bityo ikibazo cye kikaba gisubiye hasi. Na none iyo ikibazo kimwe cyashyikirijwe inzego zinyuranye rumwe ukwarwo nk'uko bikunze kugaragara, kandi akenshi nta no kuzimenyesha ko ikibazo cyatanzwe n'ahandi, usanga habaho kugonganisha inzego kuko ikibazo kimwe gikurikiranwa n'inzego zitandukanye; Ni byiza ko ikibazo gishyikirizwa urwego rumwe rukabanza kugifataho umwanzuro, waba udashimishije kikabona gushyikirizwa urundi rwego.

Abaturage bafitanye amakimbirane kandi, bakwiye kujya bemera kungwa n'inzego z'Ubuyobozi bita cyane ku kugira ubushake bwo kurangiza amakimbirane bemera ibiganiro, kwemera amakosa n'intege nke umuntu ashobora kugira (kwicisha bugufi), kwemera ko urundi ruhande rushobora kugira ukuri no gutanga inama, kuva ku izima no kutishimira ko undi atsinzwe.

2. **Uruhare rw'Ubuyobozi ku Nzego zinyuranye mugukemura amakimbirane**



Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine asaba abaturage ba Mimuli gutanga amakuru kuri Ruswa

Abafite uruhare mu buyobozi nk'uko ari nabo bafite mu nshingano kureberera abaturage no kubakemurira ibibazo bafite, hari ibyo basabwa mu rwego rwo guhashya amakimbirane, abyara akarengane. Muri rusange abayobozi bakwiye gukemura amakimbirane bashingira ku byo amategeko ateganya ariko cyane cyane bakayakemura mu buryo bwunga.

Byinshi abayobozi bakwiye kugenderaho mu gufasha abaturage gukemura ibibazo byabo mu buryo bwunga, birimo: kumva ko abafitanye amakimbirane bashobora ubwabo kuyarangiza, kutagendera ku marangamutima, gutega amatwi, kwakira ibitekerezo bitanzwe, kugira ibanga, kutabogama, kudaca imanza imburagihe, gufasha impande zombi gushaka inzira zose zishoboka zo kurangiza amakimbirane, gufasha buri ruhande kumva aho rukwiriye kuva ku izima, gufasha abafitanye amakimbirane kumenya aho ukuri guherereye, gufasha abafitanye amakimbirane kumva ingaruka zo guhitamo kwazo no gufasha ko habaho ibiganiro kandi buri ruhande rukagira icyo ruvanyemo.

Abayobozi bakwiye kwirinda gusiragiza abaturage no kumenya ko kudakemura amakimbirane y'abaturage bigira ingaruka nyinshi zitandukanye zirimo: guta icyizere ku buyobozi, gutakaza umusaruro, gusenyuka k'umuryango, gukura kw'ibibazo.

Iyo byanze ko ikibazo gikemurirwa mu muryango cyangwa mu Buyobozi bw'Inzego z'Ibanze, umuturage ashobora kubishyikiriza Inkiko cyangwa Inzego Nkuru z'Igihugu zirimo n'Urwego rw'Umuvunyi yitwaje raporo y'inzego z'ibanze zasuzumye ikibazo.

II. **Akarengane kagezwa ku Urwego rw'Umuvunyi**



Abaturage bo mu Murenge wa Mimuli, mu Karere ka Nyagatare bageza ibibazo ku Rwego rw'Umuvunyi muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane mu turere .

Mu nshingano zarwo, Urwego rw'Umuvunyi harimo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa, gutoza Abanyarwanda indangagaciro zo kwanga, gukumira, kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa ndetse no gusuzuma no gukora igikwiye ku bibazo by'akarengane na ruswa bitakemuwe n'inzego zibishinzwe.

# TURWANYE AKARENGANE

Bitewe n'uko kenshi abagana Urwego rw'Umuvunyi usanga badasobanukiwe neza igihe rwiyambazwa n'ibyo rwabafasha, ni ngombwa ko Abanyarwanda ndetse n'abandi baturarwanda basobanukirwa ibibazo by'akarengane bigezwe ku urwego rw'Umuvunyi.

Duhereye kuri zimwe mu nshingano tumaze kuvuga haruguru, Urwego rw'Umuvunyi rwakira ibibazo by'abaturage byose by'akarengane bafitanye n'Inzego z'Ubuyobozi yaba iza Leta cyangwa se iz'abikorera, mu gihe Inzego zibishinzwe zitabikemuye, keshi biba byarasuzumwe n'Inzego z'Ibanze ari ibibazo, bishingiye ku butaka, kwimurwa ku mpamvu y'inyungu rusange, ibibazo by'umurimo, kurangiza imanza no kutishimira uko zaciwe , n'ibindi

1. **Ibibazo byanyuze mu Nzego z'Ubuyobozi**

Mu nshingano z'Urwego rw'Umuvunyi harimo kwakira no gusuzuma ibirego by'abantu ku giti cyabo n'iby'amashyirahamwe, byerekeye ibikorwa by'abakozi ba Leta, iby'inzego zayo n'iby'abikorera, no gukangurira abo bakozi n'izo nzego gushakira umuti ibyo bibazo iyo rusanze bifite ishingiro. Guhuza umuturage n'inzego z'ubutegetsi za Leta n'izigengawakira.



Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane Madame Yankulije Odette akemura ikibazo cy'abaturage mu Karere ka Rubavu

- **Ibibazo birebana n'ubutaka**

Urwego rw'Umuvunyi rwakira ibibazo birebana no gusubizwa uburenganzira ku mutungo, cyane ibibazo birebana n'ubutaka aho umuturage aba asaba gusubizwa uburenganzira k'ubutaka. Usanga ari ubutaka abavandimwe cyangwa abanyamuryango batumvikanaho ubufiteho uburenganzira, ubwatanzwe mu gihe cy'isarangana, ubwatujweho abaturage na Leta, abapfa imbibi (uburengere) n'ibindi. Bene ibi bibazo, Urwego rw'Umuvunyi rubikemura rushingiye ku byo amategeko arebana n'ubutaka ateganya n'imirongo ya politiki yo kubikemuriramo yashyizweho n'Igihugu cyacu.



Umuvunyi Wungirije Ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa, Hon. Mukama Abbas akurikirana ibibazo by'Abaturage mu Karere ka Rubavu

**Ibibazo birebana no kwimura abantu ku mpavu z'inyungu rusange**

Ibibazo bijyanye no kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange Urwego rw'Umunyi rwakira, usanga ari abaturage bavuga ko babariwe umutungo wabo ariko bagatinda kwishyurwa, cyanga se abavuga ko bahawe ingurane y'amafaranga make, ko imitungo yabo itahawe agaciro ikwiriye. Urwego rw'Umuvunyi rukurikirana ibibazo byabo ariko runagira inama abaturage kujya basobanukirwa n'ibyo Itegeko ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange iteganya. Aha twavuga nk'urugero, Ingingo ya 33 y'Itegeko N$^{0}$ 32/2015 ryo ku wa 11/06/2015 yerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ivuga ku bijyanye no kuvuguruza agaciro kahawe ubutaka n'ibyabukoreweho aho ivuga ko "mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) nyuma y'uko urwego rwimura rwemeje raporo yakozwe n'abagenagaciro, uwimurwa utanyuzwe n'agaciro kahawe ubutaka bwe n'ak'ibikorwa byabukoreweho agaragaza mu nyandiko ibyo anenga muri raporo yakozwe n'abagenagaciro. Uvuguruza agaciro yishyiriraho umugenagaciro cyangwa ibiro byazobereye mu igenagaciro kandi byemewe n'urugaga rw'abakora umwuga w'igenagaciro ku mitungo itimukanwa mu Rwanda kugira ngo bagaragaze agaciro mvuguruza. Raporo y'agaciro mvuguruza igomba kuba yabonetse mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) ibarwa uhereye igihe uwimurwa yasabiye gusubirishamo igenagaciro."

# TURWANYE AKARENGANE

- **Ibibazo birebana n'umurimo**

Iyo usaba kurenganurwa ari umukozi wa Leta, Urwego rw'Umuvunyi rusaba ko agana Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta , atanyurwa n'umwanzuro yahawe, akagana Inkiko. Ni kimwe no ku bakozi batari aba Leta, uwarenganyijwe n'umukoresha we, agana umugenzuzi w'umurimo mu Karere akoreramo kugira ngo abumvikanishe, iyo bidashobotse ko bumvikana, umukozi akomeza inzira z'inkiko.

**2. Ibibazo bijyanye no kurangiza imanza**

Umuburanyi watsinze urubanza abona ubutabera bwuzuye iyo urubanza yatsinze rurangijwe, agahabwa ibyo yatsindiye. Urwo rubanza rushobora kurangizwa ku neza cyangwa rukarangizwa hakoreshejwe ingufu za Leta. Iyo umuburanyi watsinzwe urubanza ashaka ko rurangizwa ku neza, mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) kuva urubanza rubaye itegeko cyangwa hasohotse indi nyandikompesha, uwatsinzwe yegera uwamutsinze akamumenyesha uburyo yifuza gushyira mu bikorwa ibyo icyo cyemezo cy'urukiko cyangwa indi nyandikompesha bitegeka kugira ngo babyumvikaneho. Iyo bidakozwe gutyo, inyandikompesha cyangwa urubanza rurangizwa ku ngufu za Leta, ibyo bikagira ingaruka nyinshi ku muburanyi watsinzwe kuko bishobora gutuma imwe mu mitungo ye ifatirwa n'Umuhesha w'Inkiko, ikagurishwa muri cyamunara mu rwego rwo gushaka ubwishyu bw'umuburanyi watsinze no kwishyura ikiguzi cy'ibyakoreshejwe igihe cyo kurangiza urubanza ku ngufu, nko kwishyura amafaranga y'igenagaciro ry'umutungo wagurishijwe muri cyamunara, igihembo cy'Umuhesha w'Inkiko n'amafaranga y'amatangazo.

**III.Umwanzuro**

Impamvu zose zikurura akarengane na ruswa zitera ingaruka mbi haba ku muntu ku giti cye no ku gihugu muri rusanga kuko bibangamira ubuyobozi bw'Igihugu, bikandindiza ubukungu n'iterambere, bigateza umwiryane no kutizerana mu bantu ndetse no kudakoresha ubushishozi, himakazwa imico mibi, uburiganya, kuryamira umunyantege nke, amaherezo bikaba intandaro y'amacakubiri n'isenyuka rya Leta. Mu rwego rwo kwirinda izo ngaruka tumaze kuvuga haruguru, abanyarwanda bagomba kugira umuco wo gukumira, kwirinda no gukemura amakimbirane, bakaba inyangamugayo zizira ruswa n'akarengane mu byo bakora byose hagamije guteza imbere imiyoborere myiza no kugera ku byo twiyemeje.


Nta zibana zidakomanya amahebe, Urwego rw'Umuvunyi rurashishikariza abaturage kwirinda kuba ba nyirabayazana b'amakimbirane, kugira umuco wo kuyikemurira igihe yabayeho, rimwe na rimwe bemera kugira ibyo bahara kugira ngo babane amahoro. Rurashishikariza kandi abaturage kugirira icyizere inzego z'Ubuyobozi zibegereye, kubahiriza no gukurikiza inzira zitegenywa n'amategeko igihe ibibazo byabo byashyikirijwe Inzego zigomba kubikemura cyane cyane igihe byashyikirijwe Inkiko.

Naho kubijyanye no kurangiza imanza abaturage baba baburanye, Urwego rw'Umuvunyi rurashishikariza abaturarwanda bose muri rusange gushyira mu bikorwa inyandikompesha ku bushake bitabaye ngombwa gutegereza ko bikorwa ku ngufu za Leta kuko nta nyungu nyir'umutungo wafatiriwe abifitemo ahubwo abikuramo igihombo.

**Umwanditsi**



**VUMILIYA Ruth**



## INAMA NGISHWANAMA ZO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA

# IBIKORWA BY'INAMA NGISHWANAMA ZO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA KU RWEGO RW'AKARERE

Mu rwego rwo kurwanya ruswa n'akarengane, hashyizweho ingamba zitandukanye muri zo harimo Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa kuva ku rwego rw'Igihugu kugera ku rwego rw'Akagari. Izi nama zikaba ziteganywa n'Iteka rya Perezida nº 64/01 ryo ku wa 12/02/2014 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane.

Imikorere y' Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Akarere

Izi nama zikaba zigizwe n'aba:

- Umuyobozi w'Akarere, Umuyobozi wayo;
- Uhagarariye Polisi y'u Rwanda mu Karere, Umuyobozi wayo Wungirije;
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Umwanditsi;
- Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye ;
- Perezida w'Urukiko Rwisumbuye ;
- Ushinzwe Iperereza n'Umutekano mu Karere;
- Ushinzwe abinjira n'abasohoka mu Karere;
- Uhagarariye abikorera mu Karere;
- Uhagarariye imiryango itari iya Leta mu Karere.

Izi nama zifite inshingano zikurikira:

1° gushyiraho ingamba zo kurwanya ruswa n'akarengane mu Karere;

2° gushyira mu bikorwa ingamba zo kurwanya ruswa n'akarengane zashyizweho n'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu;

3° gusesengura no kugira icyo ivuga ku nyandiko zakozwe kuri ruswa n'akarengane ku rwego rw'Akarere; 4° gushyiraho uburyo bwo guhana amakuru hagati y'inzego zishinzwe kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rw'Akarere;

5° kwegeranya imibare y'amadosiye ya ruswa n'akarengane yabonetse mu Karere;

6° kugena inshingano no gukurikirana imikorere by'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Umurenge n'Akagari.

Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere iterana buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe n'Umuyobozi wayo cyangwa Umuyobozi wayo Wungirije. Buri gihembwe na buri mwaka, Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere iha raporo Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu.

Mu rwego rwo gushishikariza izi nama gukora neza, buri mwaka hategurwa hakanakorwa isuzumamikorere ryazo, mu rwego rwo guhemba izahize izindi. Mu cyumweru cyo kurwanya ruswa mu mwaka wa 2021 hakaba harakozwe isuzumamikorere ryari rigamije kugenzura imikorere y'Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere hasuzumwa ibikorwa byakozwe n'uburyo zakurikiranye imikorere y'Inama Ngishwanama ku Rwego rw'Umurenge n'Utugari. Ryari rigamije kandi kuzishishikariza gushyira mu bikorwa inshingano zihabwa n'amategeko zishyiraho ingamba zo kurwanya akarengane na ruswa. Iri suzuma ryagaragaje udushya twahanzwe mu kurwanya ruswa kugira ngo tuzabere urugero utundi Turere.

Ku rwego rwa buri Ntara n'Umujyi wa Kigali hahembwe Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Akarere yahize izindi. Icyo gikorwa kikaba cyarashingiye kuri ibi bikurikira

# INAMA NGISHWANAMA ZO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA

- Harebwe niba Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere ziterana uko bikwiye zikanabitangira raporo kandi ku gihe;
- Harebwe niba harashyizweho izo nama ku rwego rw'Imirenge n'Utugari, imikorere yazo ikaba inakurikiranwa n'Inama Ngishwanama zo kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rw'Akarere;
- Harebwe Uko abaturage bashishikarizwa gukumira no kurwanya akarengane na ruswa;
- Harebwe ingamba zashyizweho mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa;
- Harebwe Uko inzego zihana amakuru ku byaha bya ruswa no ku bibazo by'akarengane;
- Harebwe uburyo Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere zikoresha mu gukurikirana uko imyanzuro ku bibazo zafashe yashyizwe mu bikorwa;
- Harebwe ibibazo by'akarengane n'amakuru ya ruswa byakiriwe, Ibyakemutse n'ibitarakemutse. Hanarebwa niba raporo y'ibibazo by'akarengane n'amakuru ya ruswa byakiriwe mu Karere ikorwa;
- Harebwe uburyo Akarere gakurikirana uko inzego zo hasi zikemura ibibazo by'abaturage;
- Harebwe udushya twahanzwe mu rwego rwo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa.

**UDUSHYA TWAGARAGAYE**

Mu mikorere y' Inama Ngishwanama ku rwego rw'Akarere hagaragaye udushya dukurikira:

Mu Karere ka Muhanga:

- ➢ Hatanzwe ibiganiro kuri radiyo Huguka kurwanya ruswa n'akarengane
- ➢ Kwishyuza ababereyemo Leta imyenda

Mu Karere ka Gisagara:

- ➢ Ibiganiro kuri radio RC Huye ku kurwanya ruswa n'akarengane

Mu Karere ka Nyanza:

- ➢ Hamanitswe ibyapa biriho ubutumwa bwo kurwanya ruswa n'akarengane

Mu Karere ka Huye:

- ➢ Ku bufatanye na SCACI bubakiye umuturage utishoboye mu muganda

Mu Karere ka Nyamagabe:

- ➢ ubukangurambaga ku kurwanya ruswa n'akarengane bunyujijwe kuri radio Ijwi rya gare

Mu Karere ka Karongi

- ➢ Ibiganiro ku gukumira no kurwanya ruswa kuri Radio Isangano

Mu Karere ka Rulindo:

- ➢ Gutoza abanyeshuri indangagaciro na kirazira, igikorwa ngarukamwaka

Mu Karere ka Gasabo:

- ➢ Ibiganiro ku gukumira no kurwanya akarengane na ruswa kuri RBA na City Radio

Mu Karere ka Kicukiro:

- ➢ Ibiganiro kuri TV1 ku gukumira no kurwanya akarengane na ruswa

**Imbonerahamwe ikurikira ikaba igaragaza amanota Uturere twabonye**

**IMBONERAHAMWE IGARAGAZA ISUZUMA RY'UTURERE MU MWAKA WA 2021**

| UMWANYA | AKARERE | AMANOTA |
|---|---|---|
| | **INTARA Y'AMAJYEPFO** | |
| | Nyanza | 78% |
| | Muhanga | 77% |
| | Huye | 76% |
| | Gisagara | 75.5% |
| | Nyamagabe | 69% |
| | Nyaruguru | 65% |
| | Kamonyi | 60% |
| | Ruhango | 37.5% |
| | **INTARA Y'IBURENGERAZUBA** | |
| | Rubavu | 60% |
| | Nyabihu | 43% |
| | Karongi | 40% |
| | Ngororero | |
| | Rusizi | 20% |
| | Rutsiro | |
| | Nyamasheke | |
| | **INTARA Y'IBURASIRAZUBA** | |
| | Rwamagana | 74% |
| | Nyagatare | 58% |
| | Kirehe | 47% |
| | Gatsibo | 34% |
| | Kayonza | 20% |
| | Bugesera | 20% |
| | Ngoma | |
| | **UMUJYI WA KIGALI** | |
| | Kicukiro | 75% |
| | Gasabo | 50% |
| | Nyarugenge | 47% |
| | **INTARA Y'AMAJYARUGURU** | |
| | Rulindo | 68% |
| | Gicumbi | 57% |
| | Gakenke | 50% |
| | Musanze | 43% |
| | Burera | 20% |

## INAMA NGISHWANAMA ZO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA

# IGENZURA RIKORERWA INZEGO HAGAMIJWE KURWANYA RUSWA

Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano zigamije kwimakaza ihame ry'imiyoborere myiza nk'uko twabyiyemeje mu Irangashingiro ry'Itegeko Nshinga rya Repuburika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015. Nk'uko bitegwanywa n'ingingo ya 4 y'Itegeko Itegeko n° 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi, zimwe mu nshingano z'Urwego rw'Umuvunyi ni izi zikurikira:

- Gukumira no kurwanya akarengane na ruswa;
- Kugira inama Guverinoma mu gushyiraho no guteza imbere politiki n'ingamba byo gukumira, kurwanya no guhana akarengane na ruswa;
- Gukurikirana uko politiki n'ingamba byo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa bishyirwa mu bikorwa.

Ni muri urwo rwego buri mwaka w'Ingengo y'Imari, Urwego rw'Umuvunyi rukora Igenzura mu nzego zinyuranye zirimo iza Leta, izigenga na sosiyete sivile, hagamijwe kugaragaza ahari ibyuho bya ruswa, hagatangwa inama zigamije kuziba ibyo byuho, no gushyiraho ingamba zihamye zo gukumira no kurwanya ruswa muhakorewe igenzura.

### 1. INTEGO Y'IGENZURA

Guhera igihe Urwego rw'Umuvunyi rwatangiriye imirimo yarwo kugeza uyu munsi, hagenzuwe Inzego, Ibigo na Gahunda bya Leta, ibyigenga na sosiyete sivile binyuranye, hagaragazwa ibibazo bitandukanye bitanga ibyuho kuri ruswa, hatangwa inama, ndetse Urwego rw'Umuvunyi runakurikirana uko inama zatanzwe zishyirwa mu bikorwa.

#### ▪ AHAKUNZE KUGARAGARA IBYUHO BYA RUSWA

Igenzura rikorwa n'Urwego rw'Umuvunyi mu Nzego zinyuranye rigenda rigaragaza ibibazo bitandukanye kandi byihariye bitewe n'imiterere n'imikorere by'Urwego rwagenzuwe. Ariko kandi ahanagaragaye ibyuho bya ruswa biri rusange mu nzego nyinshi muzagenzuwe n'Urwego rw'Umuvunyi mu bihe bitandukanye ni aha hakurikira:

- Mu mitangire ya serivisi zigenewe abaturage muri rusange na serivisi zifite ingaruka ku mubare munini w'abaturage;
- Mu mitangire y'amasoko ya Leta, no mu bigo byigenga aho Urwego rw'Umuvunyi rwakunze gusanga Amategeko n'Amabwiriza bitubahirizwa uko bikwiriye;
- Mu myishyurire ya ba Rwiyemezamirimo bakoze amasoko ya Leta, aho byakunze kugaragara ko batinda kwishyurwa bikagira ingaruka zirimo ko nabo batinda kwishyura abaturage baba bakoresheje;
- Imicungire y'ibikoresho itanoze aho usanga ibikoresho bigenewe inyungu rusange bikoreshwa mu nyungu za bamwe mu bakozi, hari kandi nahagiye hasangwa ibikoresho byaguzwe ariko ntibikoreshwe icyo byagenewe,
- Imitangire y'akazi byagiye bigaragara ko hari inzego zitubahirije amategeko agenga imitangire y'akazi bigatanga icyuho cya ruswa.

### 2. AKAMARO K'IGENZURA RIKORERWA INZEGO

Urwego rw'Umuvunyi iyo rukoze igenzura rukagaragaza ibyuho bya ruswa cyangwa imiyoborere itanoze runatanga inama zifasha kuziba ibyuho bya ruswa no kunoza imikorere n'imiyoborere, ndetse rukanakurikirana uko zishyirwa mu bikorwa; Inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi ku nzego zose rwagenzuye byatumye hashyirwaho ingamba zihamye mu gukumira no kurwanya ruswa mu nzego zagenzuwe ndetse no ku rwego rw'Igihugu, zatumye u Rwanda rugira umwanya mwiza mu ruhando mpuzamahanga mu gukumira no kurwanya ruswa, kuko mu mwaka wa 2020 u Rwanda rwaje ku mwanya wa 49 ku rwego rw'Isi, naho ku rwego rwa Afrika ruza ku mwanya wa kane.

**Umwanditsi**



**MUKAMISHA Claudine**

# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

## AMAJYEPFO: Inama Ngishwanama y'Akarere ka Nyanza yahize izindi mu Ntara y'Amajyepfo mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa



Abayobozi batandukanye bitabiriye ibiganiro mu Karere ka Nyanza

Kuwa kane tariki ya 02.12.2021, abagize Inama Ngishwanama zo gukumira no kurwanya Akarengane na Ruswa mu ntara y'Amajyepfo bahuriye mu kiganiro nyunguranabitekerezo ku ukurwanya ruswa n'akarengane. Ibi biganiro byabereye mu cyumba cy'Inama cy'Intara y'Amajyepfo byabaye mu rwego rw'ibikorwa byo mu cyumweru cyahariwe kurwanya ruswa kibanziriza umunsi mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa ku rwego rw'Isi.

Ibi biganiro byitabiriwe n'abayobozi b'uturere ari nabo bayobozi b'Inama ngishwanama mu uturere, abagize inzego z'umutekano, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Madame Alice KAYITESI, Hon. MURESHYANKWANO Marie Rose wari Uhagarariye APNAC, Marie Claire MUKASINE umuyobozi wa komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, Valens MUVUNANKIKO uhagarariye clubs zo kurwanya ruswa mu ntara y'amajyepfo ndetse na MUKAMA Abbas wari uhagarariye Urwego rw'Umuvunyi. Bwana Mukama Abbas, Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no Kurwanya ruswa aganiriza abitabiriye ibiganiro yabibukije ko kuba u Rwanda rutari ku mwanya mubi mu kurwanya ruswa bitavuze ko urugamba rwarangiye ko ahubwo ibi bidahagije hagomba gushyirwamo imbaraga hatabayeho kwigereranya n'ibihugu bituranye n'u Rwanda. Yasobanuye ko ingamba zifatwa ubu ari zo zizafasha abana bari kuvuka ubu kuzagira igihugu cyiza kizira ruswa abayobozi bariho ubu bazaba barabasigiye kandi uretse n'Ibyo ko ukorera neza igihugu cye Imana nayo izamuhemba ubwo azaba atabarutse.

Yaboneyeho gusaba buri wese kongera imbaraga mu musanzu atanga wo gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane.

Muri ibi biganiro kandi abafashe ijambo bagarutse ku kurwanya imyumvire ya ruswa yinjijwe mu umuco aho umuntu ushaka serivisi aba yateganyije na ruswa yo gutanga nyamara nta n'uwayimwatse. Madame Consolée, uyobora RIB mu ntara y'Amajyepfo yasobanuye ko abaturage bakeneye noneho no kwigishwa imikorere y'inzego kugira ngo bamenye ko iyo batabonye serivisi mu rwego rumwe baba bagomba kujya gushaka iyo serivisi mu rwego rwisumbuye kuri rwo kandi akayibona kuko muri izo nzego zose atazasangamo abashaka kumwaka ruswa.

Kuri uyu munsi kandi hanahembwe akarere kitwaye neza mu kugira ibikorwa byo kurwanya ruswa no gushyiraho ingamba zo kuyikumira. Akarere ka Nyanza kakaba ari ko kahize utundi mu ntara y'amajyepfo n'amanota 78%. Umunsi mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa uzaba tariki ya 09 Ukuboza 2021, muri uyu mwaka insanganyamatsiko ikaba igira iti: Kurandura ruswa, inking y'iterambere rirambye.

**Umwanditsi**



**SAFARI Amri**

# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

## IBURASIRAZUBA: Inama ngishwanama y'Akarere ka Rwamagana yahize izindi mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu Ntara y'Iburasirazuba



**Abayobozi batandukanye bahuriye ku kicaro cy'Intara y'Iburasirazuba baganiriye ku ruhare rw'Inama Ngishwanama mu gukumira no kurwanya Akarengane na Ruswa.**

Kuwa kane tariki 2/12/2021 habaye ikiganiro ku rwego rwa buri Ntara gihuza Urwego rw'Umuvunyi n'abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya Akarengane na Ruswa mu Turere (DACACI) tugize Intara. Harebwaga uruhare rwa DACACI mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu turere.

Umuvunyi Mukuru wifatanyije n'Intara y'Iburasirazuba yashimye imikorere y'Inama Ngishwanama zo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa, asaba abazigize gushyira imbaraga mu gukemura ibibazo by'akarengane, ibyuho bya ruswa mu mitangire y'amasoko n'ibindi bikibangamiye iterambere ry'umuturage.

Ati: "izi nama Ngishwanama nizishyira imbaraga mu guhanahana amakuru ku havugwa n'ahacyekwa akarengane na ruswa kandi hakibandwa no gushyira imbaraga mu kwigisha abaturage bayobora kwirinda akarengane na ruswa no kubitangaho amakuru nta kabuza ruswa izacika burundu mu Rwanda". Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba CG Emmanuel Gasana yashimye ubufatanye bw'intara n'Urwego rw'Umuvunyi muri iyi gahunda yo gukumira ruswa n'akarengane. Yagaragaje ko abayobozi bazabigeraho biciye muri gahunda y'umudugudu utarangwamo icyaha nkuko bayitangiye.

Guverineri yavuze kandi ko ruswa n'akarengane ari igikorwa kibi kibangamiye imiyoborere myiza, kibangamiye iterambere, kibangamiye icyerekezo cy'Igihugu, bityo ko ubuyobozi bw'Intara buzakomeza gufatanya n'izindi nzego mu kurwanya ruswa n'akarengane.

Kuri uyu munsi kandi hatanzwe ibihembo ku Karere kahize utundi mu bikorwa byo kurwanya Akarengane na Ruswa muri buri Ntara kugira ngo utundi turere tumenye ibikorwa by'indashyikirwa byakozwe. Muri ibi biganiro, Urwego rw'umuvunyi rwashyikirije igikombe n'icyemezo cy'ishimwe Akarere ka Rwamagana nk'Akarere kaje ku mwanya wa mbere muri iyi Ntara mu bikorwa byo kurwanya ruswa n'Akarengane mu mwaka wa 2020-2021. Urwego rw'Umuvunyi rwaboneyeho kugira Uturere twose inama yo kwigira ku Turere twa mbere muri iyi gahunda yo kurwanya Akarengane na ruswa.

**Umwanditsi**



**MBARUSHIMANA Jean Paul**

# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

## INTARA Y'AMAJYARUGURU: Inama ngishwanama y'Akarere ka Rulindo yahize izindi mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa




**Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane yashimiye DACACI y'Akarere ka Rulindo**

Inama Ngishwanama yo kurwanya Akarengane na Ruswa (DACACI) y'Akarere ka Rulindo ku isonga mu bikorwa byo kurwanya karengane na Ruswa Ku bufatanye n'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ibikorwa binyuranye byo kurwanya ruswa mu kwezi k'Ukuboza 2021. Muri ibi bikorwa byabanjirije umunsi mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa ku Isi uba tariki ya 09 Ukuboza buri mwaka hanahembwe Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na Ruswa zahize izindi ku rwego rw'Intara zose n'Umujyi wa Kigali.

Ni muri urwo rwego mu ntara y'Amajyaruguru kuwa 02 Ukuboza 2021 Akarere ka rulindo kahembwe nk'Akarere gafite DACACI yahize iz'utundi turere mu gukora ibikorwa bigamije gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane.

Uyu munsi wahuje Urwego rw'Umuvunyi, abagize Inama Ngishwanama zo Kurwanya Akarengane na Ruswa mu turere tw'Intara y'Amajyaruguru hamwe n'abandi bafatanyabikorwa barimo APNAC/Rwanda, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu n'abagize Amashyirahamwe y'Urubyiruko yo Kurwanya Ruswa. Haganiriwe ku mikorere y'Inama Ngishwanama zo Kurwanya Akarengane na Ruswa ku rwego rw'Akarere no kurw'Umurenge; Haganiriwe ku iyubahirizwa ry'Uburenganzira bwa muntu harwanywa ruswa ndetse n'uruhare rw'Inteko Ishinga Amategeko mu guhangana na ruswa.

Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na Ruswa y'Akarere ka rulindo yagize amanita 68% iba iya mbere mu ntara y'Amajyaruguru iya nyuma muri iyi ntara iba iya Burera n'amanota 20% Umuvunyi wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya Akarengane Madame YANKULIJE Odette, yashimiye buri we uruhare rwe mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa abibutsa ko ruswa itera akarengane ari yo mpamvu byombi bigomba kurwanywa ku bufatanye bwa buri wese. Yanaboneyeho gusaba izindi Nama Ngishwanama zo gukumira no kurwanya ruswa n'Akarengane mu tundi turere kurushaho gushyira ingufu mu bikorwa byo kurwa akarengane na ruswa. Icyumweru cyo kurwanya ruswa mu mwaka wa 2021 cyari gifite intego igira iti: **Kurwanya ruswa inkingi y'iterambere rirambye**

**Umwanditsi**

**SAFARI Amri**



# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

## INTARA Y'IBURENGERAZUBA: Inama ngishwanama y'Akarere ka Rubavu yahize izindi mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa



Guverineri w'Intara n'Umunyamabanga uhoraho w'Urwego rw'Umuvunyi bashimiye DACACI y'Akarere ka Rubavu yitwaye neza

Muri gahunda y'icyumweru Cyahariwe Kurwanya Ruswa, Kuwa kane tariki 2/12/2021 habaye ikiganiro ku rwego rwa buri Ntara gihuza Urwego rw'Umuvunyi n'abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya ruswa mu Turere (DACACI) tugize Intara. Harebwaga uruhare rwa DACACI mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu turere.

Ku rwego rw'Intara y'Uburengerazuba iki gikorwa cyabereye ku biro by'iyi Ntara haganirwa ku bubi bwa ruswa n'uburyo bwo gukaza ingamba zo kuyirandura burundu. Uyu munsi wahuje Urwego rw'Umuvunyi, abagize Inama Ngishwanama zo Kurwanya Akarengane na Ruswa mu turere tw'Intara y'Iburengerazuba hamwe n'abandi bafatanyabikorwa barimo APNAC/Rwanda, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu n'abagize Amashyirahamwe y'Urubyiruko yo Kurwanya Ruswa. Bimwe mu biganiro byatanzwe harimo Imikorere y'Inama Ngishwanama zo Kurwanya Akarengane na Ruswa ku rwego rw'Akarere no kurw'Umurenge; Kubahiriza uburenganzira bwa muntu harwanywa ruswa ndetse n'uruhare rw'Inteko Ishinga Amategeko mu guhangana na ruswa.

Umunyamabanga Uhoraho w'Urwego rw'Umuvunyi Bwana MBARUBUKEYE Xavier yashimiye inzego zose ku bufatanye zigaragaza mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa anashimira by'Umwihariko Inama Ngishwanama yo gukumira no kurwanya ruswa n'Akarengane mu karere ka Rubavu yahize izindi. Yibukije kandi ko nta kwirara mu rugamba rwo kurwanya ruswa n'akarengane kuko politiki y'u Rwanda isobanutse neza ko ari ukutihanganira na gato Ruswa ndetse n'Akarengane.

Kuri uyu munsi kandi Urwego rw'Umuvunyi rwahembye Akarere ka Rubavu kabaye aka mbere muri iyi ntara, mu bikorwa by'Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na Ruswa ku rwego rw'Akarere (DACACI) n'amanota 60%.

Kuri uyu munsi kandi Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na Ruswa ku rwego rw'Akarere muri iyi Ntara y'Iburengerazuba ziyemeje gushyiraho Amashyirahamwe y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa nk'imwe mu nzira yo kurushaho kuyihashya.

**Umwanditsi**



**SAFARI Amri**

# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

## Urwego rw'Umuvunyi rwagejeje ku Nteko Ishingamategeko Imitwe yombi Raporo y'Ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021 na Gahunda y'Ibikorwa by'umwaka wa 2021-2022




**Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije ubwo bagezaga raporo y'ibikorwa na gahunda y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi ku Nteko Inshinga Amategeko.**

Ku wa Gatatu tariki 20 Ukwakira 2021, Urwego rw'Umuvunyi rwagejeje ku Nteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi Raporo y'Ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021 na Gahunda y'Ibikorwa by'umwaka w'ingengo y'imari wa 2021-2022.

Muri iyi raporo Urwego rw'Umuvunyi rugaragaza ko rwashyize mu bikorwa inshingano rwari rufite zo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa, kugira inama inzego za Leta n'iz'abikorera kugira ngo imikorere yazo irusheho kunogera abaturage; kwakira no kugenzura imenyekanishamutungo ry'abantu bateganywa n'itegeko; kwakira inyandiko zigaragaza imitungo y'Imitwe ya Politiki, kugenzura uko yabonetse n'uko yakoreshejwe, gukurikirana iyubahirizwa ry'itegeko ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi n'itegeko ryerekeye kubona amakuru n'ibindi.

Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine yagaragarije Abadepite n'Abasenateri ko n'ubwo Icyorezo cya COVID-19 cyatumye hatabaho gushyira mu bikorwa gahunda rwari rwarihaye, bitabujije ko ibikorwa by'uyu mwaka byari biteganyijwe bikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga n'ubundi buryo bw'itumanaho hubahirizwa amabwiriza y'Inzego z'Ubuzima yagendaga atangwa aho guhura n'abantu imbona nkubone mu bukangurambaga cyangwa mu kwakira ibibazo by'abaturage.

Umuvunyi Mukuru kandi yavuze ko Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibibazo by'akarengane 852, ibibazo 635 birakemuka, ibibazo 199 byoherezwa mu nzego bireba kugira ngo zibikemure naho 18 ntibirakurikiranwa.

# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

Naho ku birebana n'Imanza zisabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane Umuvunyi Mukuru yagaragarije Inteko Inshinga Amategeko ko mu madosiye 361, hasesenguwe 343 angana na 95%, naho 18 angana na 5% yo ngo ntarasuzumwa.

Kubirebana no Kurwanya Ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rwagaragaje ko rwakoze isesengura n'iperereza ku madosiye 45 akekwamo ruswa ku bufatanye n'izindi Nzego ngo kuburyo muri ayo madosiye hasigaye 5 agikurikiranwa.

Ku birebana no kugira Inama Leta n'inzego z'Abikorera kugira ngo imikorere yazo inogere abaturage, hagenzuwe gahunda yo guha amata abana bato bafite ikibazo cy'imirire mibi, gahunda ya shisha kibondo, igenzura ku mikorere ya porogaramu y'igihugu ishinzwe imikurire y'abana bato, igenzura ry'ikigega cya leta cyo gushyigikira no gutera inkunga abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe abatutsi, Igenzura ryakozwe mu mashuri kuburyo aho Urwego rw'Umuvunyi rwasangaga hari ibyuho bya ruswa rwagiraga inama izo nzego kugira ngo bikemurwe.

Kubirebana n'Imenyekanishamutungo:
13.276 (99,7%) kuri 13.313 bakoze imenyekanishamutungo;

- 37 (0,3%) Ntibitabiriye kurikora.
- 1.754; nibo bagenzuwe.
- Dosiye 3 z'abatarashoboye gusobanura neza inkomoko y'umutungo zashyikirijwe Ubugenzacyaha, izindi 3 ziracyakurikiranwa.

Abadepite n'Abasenateri bashimye Raporo y'Urwego rw'Umuvunyi, nyuma yo kubaza Umuvunyi Mukuru ibibazo bituma raporo yumvikana kurushaho, bemeje raporo y'Ibikorwa by'umwaka wa 2020-2021 na Gahunda y'Ibikorwa ya 2021-2022 Urwego rw'Umuvunyi ruvuga ko ruzakomeza ubukangurambaga mu rwego rwo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa ndetse no gukomeza gutoza Abanyarwanda indangagaciro zo kwanga, gukumira, kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa.

**Umwanditsi**



**MBARUSHIMANA Jean Paul**



# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

## Itsinda riyobowe n'Umuvunyi Mukuru wa Togo ryakoreye urugendoshuri ku Urwego rw'Umuvunyi



**Umuvunyi Mukuru Madamu NIRERE Madeleine n'Umuvinyi Wungirije Madamu YANKULIJE Odette, bakiriye Umuvunyi Mukuru wa Togo hamwe n'itsinda ayoboye.**

Ku wa Kabiri tariki 23 Ugushyingo 2021, Umuvunyi Mukuru w'u Rwanda Madamu Nirere Madeleine hamwe n'Umuvunyi Wungirije Madamu Yankulije Odette bakiriye mu biro Madamu AMADOU ABOUDOU Awa Umugore wa NANA, Umuhuza (Umuvunyi Mukuru) wa Repubulika ya Togo hamwe n'intumwa yari ayoboye mu rugendo rwabo rwo kwiga.

Baganiriye ku bunararibonye bukomeye bw'u Rwanda mu gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane. Ibiganiro byibanze cyane kuri politiki zo gukumira no kurwanya ruswa, uburyo bwo guhuza ibikorwa na gahunda zo gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane.

Umuvunyi Mukuru w'u Rwanda, Madamu Nirere Madeleine yabwiye abashyitsi ko hamwe n'inshingano nyamukuru yo kurwanya akarengane na ruswa Urwego rw'Umuvunyi rufite, ko Urwego rwashoboye gushimangira politiki n'ingamba zo kurwanya ruswa mu gihugu. Ariko yavuze ko ibyo byose byashobotse kubera ubushake bwa Politike y'Igihugu yo kutihanganira na gato abarya ruswa (zero Tolerance to Corruption) yashyizweho na Nyakubahwa Kagame Paul, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda yashimangiye kandi ko uburyo bwo kumenyekanisha umutungo, ndetse no kubungabunga umutekano w'iyo mitungo yamenyekanishijwe biri mu ngamba zashyizweho kugira ngo ibyo bigerweho.

Yashimangiye ko "ubushake bwa politiki bwo kutihanganira na gato ruswa no kongerera ubushobozi abaturage kurwanya no gukumira ruswa byagize uruhare mu kurwanya ruswa."

Umuvunyi Mukuru wa Repubulika ya Togo n'intumwa yari ayoboye bashishikajwe kandi no kumenya uburyo bw'ubufatanye hagati y'Urwego rw'Umuvunyi n'ibiro by'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'u Rwanda, ndetse n'uruhare rwa raporo za AOG mu gukumira no kurwanya ruswa.

Izi ntumwa zashimye imikorere myiza y'u Rwanda, cyane cyane ingamba zafashwe na guverinoma y'u Rwanda mu gukumira no kurwanya ruswa ndetse n'akarengane.

**Umwanditsi**

**MBARUSHIMANA Jean Paul**



# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

## Umuvunyi Mukuru n'Umuvunyi Wungirije bakiriye Minisitiri Zoro Epiphane wo muri Minisiteri Ishinzwe Guteza imbere Imiyoborere Myiza no Kurwanya ruswa muri Repubulika ya Côte d'Ivoire



**Umuvunyi Mukuru Madamu NIRERE Madeleine n'Umuvunyi Wungirije Hon. MUKAMA Abbass, bakiriye Minisitiri ZORO Epiphanie ushinzwe guteza imbere imiyoborere myiza no kurwanya Ruswa muri Côte d'Ivoire**

Ku wa gatatu, tariki ya 13 Ukwakira 2021, Madamu Umuvunyi mukuru w'u Rwanda Madamu NIRERE Madeleine ari kumwe n'Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa Hon. Mukama Abbas bakiriye Minisitiri Zoro Epiphane Ballo hamwe n'intumwa yari ayoboye zaturutse muri Minisiteri Ishinzwe Guteza imbere Imiyoborere Myiza, Kongerera ubushobozi no Kurwanya ruswa muri Repubulika ya Côte d'Ivoire. Ibiganiro bagiranye byibanze kureba uburyo u Rwanda rwashyize mu bikorwa politiki yo kurwanya ruswa mu Gihugu, imikorere n'ingamba zashyizweho na guverinoma y'u Rwanda mu gukumira no kurwanya ruswa.

Umuvunyi Mukuru NIRERE Madeleine yabwiye Minisitiri Zoro n'itsinda yarayoboye ko Guverinoma y'u Rwanda yafashe ingamba nyinshi zo kurwanya

# IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

ruswa ariko ahanini bishingiye ku bushake bwa Politiki bwo kutihanganira na gato abarya, abakira bakanatanga ruswa.

Yagize ati: "U Rwanda rwitwaye neza mu kurwanya ruswa kandi ibyo ni ibisubizo by'Ubuyobozi bwiza bwa Nyakubahwa Kagame Paul, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda wateje imbere politiki yo kutihanganira ruswa".

Umuvunyi Mukuru yongeyeho ko Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ibikorwa byinshi birimo gushimangira gahunda ngarukamwaka yo kurwanya ruswa hagamijwe guteza imbere uruhare rw'abaturage, ubukangurambaga, kumenya no guteza imbere indangagaciro z'igihugu nk'agaciro gakomeye muri sosiyete, guhugura no gukangurira ibyiciro bitandukanye ku bubi bwa ruswa.

Nyakubahwa Minisitiri Zoro Epiphane Ballo, n'itsinda babajije ibibazo bijyanye no kumenya ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi rukora umunsi kuwundi mu nshingano rufite yo gukumira no kurwanya ruswa.

Aba bashyitsi bashimye imikorere myiza bavuga ko bigiye ku bunararibonye bw'u Rwanda cyane cyane Ingamba zafashwe na guverinoma y'u Rwanda mu gukumira no kurwanya ruswa.


**Umwanditsi**




**MBARUSHIMANA Jean Paul**



# INKURU ISHUSHANYIJE



# INKURU ISHUSHANYIJE




©Augustin Habimana, Contact: 0788836918 e-mail: augustinhabimana@gmail.com




BP 6269 Kigali - Rwanda
Tel: +250 587308/09, Fax: 587182
Email: ombudsinfo@ombudsman.gov.rw
www.ombudsman.gov.rw